RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

Bimensuel
Indépendant

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COO
C.F.R.C.
B.P. 1313 - Kigali
RWANDA

## Umurangi n° Spécial

# Amahoro ya ARUSHA:

## Agatsiko k'abakuru b'amashyaka ya opozisiyo kariye intoryi zo kwa KINANI



# Agatsiko k'inyangabirama kayobowe na HABYARIMANA Yuvenali kakaba kagizwe na TWAGIRAMUNGU Fawusitini, MUGENZI Yusitini n'abayobozi b'abakombozi bose uko bakabaye gashobora kuburizamo amahoro ya ARUSHA burundu.

Nkuko Minisitiri w'Intebe Dogiteri NSENGIYAREMYE yabivuze ku mugoroba wo ku wa gatatu tariki ya 23/6/93, ibintu byo mu

RWANDA koko bitangiye gufutuka. Abahagurukijwe na Demukarasi no gushaka amahoro bariho bariba-za byinshi kuko abo bari barashyizemo ikizere ngo ni abakuru b'amashyaka, ngo barashakira uru Rwanda amahoro baberetse aho babera babi. Nta wakwirushya avuga byinshi, kuko hari ibyo muri busome mu zindi nyandiko.

KUKI AMAHORO ASHOBORA KUBURA?

Nta gihe kuva imishyikirano ya ARUSHA yatangira, Perezida HABYARIMANA na MRND batakoze uko bashoboye ngo ihagarare. Ngabo bo na CDR mu mihanda ngo NGULINZIRA agurishije igihugu, ngo ibizava ARUSHA nibibanze bice mu baturage, ngo nibice muri CND, ngo amahoro si ibipapuro n'ibindi n'ibindi byajyanaga n'urugomo bagiriraga abashyigikiye iyo mishyikirano. Kugeza ubwo ariko ntabwo twari tuzi ko abakuru b'amashyaka yacu bari ibyitso by'abo bicanyi, none tubibonye ku munota wa nyuma aho amashyaka PL PSD na TWAGIRAMUNGU basinyira IKINANI ibyo twamaganaga byose. Bijya kuzamba burundu, mu nama ya guverinoma yo kuwa 22/6/93 ngo bemeje ko ntakizakorwa NGULINZIRA atabanje ngo aze kwisobanura imbere yiyo guverinoma igizwe na kimwe cya kabiri cy'abaja b'Ikinani hakaba haniyongereyeho ibyitso byabo byo muri PSD na PL. Ngo Ngulinzira naze abinyuze imbere y'abadepite nkuko byifujwe cyera n'abashaka kubigira urwitwazo ngo bange imishyikirano. Abo badepite si aba MRND ?? Bati Minisitiri w'Intebe MDR yatanzeho kandida kuri Guverinoma yaguye turamwanze nkaho ubundi bigeze bamwemera batakoraga uko bashoboye ngo bamunanize. Inyanga lirama zo mu bakombozi ngo yabatunze agatoki ngo ngaha arabacyaha. Umunyamabanga mukuru wa OUA akimara kumva inkuru y'uko ngo

HABYARIMANA yanze kujya gusinya kuya 24/6/93 nkuko byari biteganyijwe yatangaje ko yababaye cyane. Ubwo IKINANI cyo cyari cyabonanye na AMBASADERI wa TANZANIYA kimubwira ko ibya sinyatire bidashobora kubaho NGULINZIRA atabanje kugaruka i KIGALI ngo kuko cyo n'amashyaka babivugaho rumwe. Ndugu SALIM rero ati agahinda mfite ni uko ariyo «Première opération de l'OUA yari igiye gutungana neza cyane». (Couronnée de succès)

INTAMBARA ISHOBORA KUBURA.

Mu by'ukuri FPR ibonye imbamvu zose zishobora gutuma intangira igatera, kandi abanyamahanga bakayishyigikira, kuko nkuko bivugwa, ngo abazungu bakimara kumva ko IKINANI cyanze kujya gusinya kandi ko ngo amashyaka abigishyigikiyemo bararakaye cyane. Perezida MWINYI we ntawe uyobewe ko yababwiye ngo bagire vuba bamuvire mu gihugu, kandi ko nibongera kurwana bazabaga bakifasha. Intambara niyongera kurota rero izabazwe IKINANI n'ibyitso byacyo TWAGIRAMUNGU, MUGENZI Yusitini n'Abakuru b'ABAKOMBOZI bemeye kuvuga rumwe nacyo ku bintu bigaragara ko nta kindi bigamije atari ukubangamira imishyikirano. FPR nayo ishobora kubyitondamo ikabatungura, maze amaraso bifuza ko ameneka mu RWANDA ntameneke, bakazapfana ikimwaro cyo kuba baragambaniye abanyarwanda.

MDR YEMEYE GUTANGA UNDI MUKANDIDA NAYO NTACYO YABA IMARIYE ABANYARWANDA KUKO YABA YEMEYE KUVUGIRWAMO N'ABAJURA BARIYE RUSWA YO KUBAVUTSA AMAHORO.

Abagize Biro politiki ya MDR n'abandi barwanashyaka benshi ba-

kimara kumva inkuru y'agasuzuguro bashyizweho n'abaminisitiri ba HABYARIMANA kimwe n'abajura bo muri PSD na PL bemereye kurya ruswa yo kumena amaraso y'abana b'u RWANDA, bahisemo kwitonda, ntibahubuke. Ntibayobewe ko TWAGIRAMUNGU ariwe nyirabayazana wako gasuzuguro kandi ko ubugambanyi bwo guhagarika imishyikirano yabugizemo uruhare rugaragara, kuko yari yanasinye nawe hanyuma Biro politiki ya MDR ikamuvuguruza. Kuba rero MDR igomba kwanga kuvugirwamo, si uko ibuze abandi yasimbuza NSENGIYAREMYE, ni uko yahita ihasebera burundu, kuko abantu babona

ko ari agashyaka k'amafuti gapfa ukorwa mu jisho. None se wabumva ute ko abaminisitiri ba MRND kumwe n'abatekamutwe bo muri PL na PSD bakwanga umukandida w'ishyaka nka MDR maze rikagira ubwoba rikadagadwa rikisubiraho. TWAGIRAMUNGU we ngo ategereje ko batanga undi ngo NSENGIYAREMYE siwe muntu wenyine ishyaka rifite, nyamara nawe yiyemereye ko ntacyo bamurega kigaragara bityo akaba agomba kumenya ko niba banze NSENGIYAREMYE n'undi bamwanga maze ishyaka MDR bakarisuzugura bariya batekamutwe babo bakarigira ay'ifundi igira ibifuzo. Ese MUGENZI we ko bamwatse undi mu minisitiri ntamutange ra? Ni uko ashaka kurusha MDR kwihagaraho?

Mu magambo make rero, imishyikirano y'amahoro yaragambaniwe, kimwe na MDR isigaranye na PDC yonyine, kandi no muri yo agatsiko ka TWAGIRAMUNGU kakaba kagambana kumugaragaro. Birasaba ko MDR yihagararaho, ntiyite kuri chantage y'abatekamutwe, ari abayirimo ari nabo hanze, kuko niyiha kwisubiraho kubera abatekamutwe ba HABYARIMANA nabo muri ariya mashyaka arwana n'umutima akayo kayibayeho, abantu bazayifata bure. Nisabe ko kandida yatanze ahabwa icyubahiro, nkuko nayo isabwa kuzagiha ababandi, yange kuva kw'izima ariko iharanire amahoro ishyigikira imishyikirano ya ARUSHA kugeza ishyizweho umukono. Abagambanyi baragaragaye, amashyaka ashakira ikiza abanyarwanda (MDR na PDC) aragaragaye, ahasigaye umuntu yasaba FPR nayo ijya itubwira ko ishakira abanyarwanda ikiza kutita kubya bariya batekamutwe ba bayobozi b'amashyaka ikarwaza kugeza amahoro abonetse mu RWANDA nayo ikaruhuka ikava mu ntambara. TWAGIRAMUNGU, MUGENZI, GATABAZI, NGANGO, NZAMURAMBAHO, n'abandi bimaze kugaragara ko HABYARIMANA yabatamitse ku ntoryi rubanda izabashyira mu mwanya wabo kuko yabavumbuye. Ngo iminsi y'igisambo iba ibaze.

O.NT.B.

# Ubanza ay'Impirimbanyi azavura mwogo ishigaje inshuro y'uruho.

UMURANGI wagize uti: Muri MDR nta macakubiri arimo ahubwo harimo Gishegesha lati ni ay'UMURANGI, none koko ubanza ay'Impirimbanyi azavura Mwogo ishigaje inshuro y'uruho. Twakunze kugaragaza mu nyandiko z'UMURANGI ukuntu TWAGIRAMUNGU abangamiye Impirimbanyi, bamwe ntibatwumva, ndetse hakaba n'abakeka ko ari ukumutera. Ikigaragara muri ibyo byose ni uko ntigeze tumubeshyera, kuko ukeka ko uko iminsi igenda yicuma ariko akabuno ka ya Ngoga yurira igiti kagenda kagaragara. Ntihagire rero uwongera kutubeshyera ngo twanga Perezida, ngo turagambana, n'ibindi kuko ibyo twandika ari ukuri kugaragara.

**TWAGIRAMUNGU ati: ndi agahwa kazababanda imyaka ine yose.**

Nyamara ngo umugabo w'intabwirwa yikebera inyama y'intamirika. Mu minsi ishize TWAGIRAMUNGU yakoze igikosa noncho bagenzi be bo muri Biro Politiki bagerageza kumucyaha, agiye kubabwira ati: "Jyewe TWAGIRAMUNGU Fawusitini ndi agahwa kazababanda igihe cy'imyaka ine (4)". Impirimbanyi imwe yarahagurutse iti "Agahwa kinjira mu muntu kakomuhanda bakagahandura.
Iyo batagahanduye, iruhande rwako haza amashyira bakabora kakivanamo bakavurwa". Kwishongora no kwikuza ndetse ukiyemerera ubwawe ko uzabangamira bagenzi bawe ubwabyo ni ubugoryi butagira urugero. Ngo byanze bikunze nzababangamira ?? Ubwo se ni ubutwari koko ??
Ubundi kuva uriya mugabo yatorerwa kuyobora MDR nta gihe atakoze ibikosa. Igihe cyo kubikusanya nacyo kizagera abanyarwanda babimenye. Gusa aho amariye kugaragariza ko ashobora gusinya ibyo aribyo byose apfa kugera kucyo ashaka, ibyo akaba yarabigaragaje aho atatinye gusinyana amahano ashobora guhagarika imishyikirano y'amahoro abanyarwanda


CENTRE DE FORMATION
C.R.R.C
B.P. 1919 Kigali
RWANDA
RECHERCHE COOP.

*Umu... yafatiwe mu cyuho agambanira ishyaka ry'umucyo MDR. Mu by'ukuri utatinya umugabo ukayirana iby'Inkotanyi akabivanga n'ibya MRND si uwanjye. Demukarasi ye yo ni agahomanunwa. Ubona ngo yihanukire muri «La Nation» No 14 agereranye ibya Minisitiri w'Intebe wa MDR no gutsindwa kwa Buyoya wazize amaraso yamenye muri Ntega na Marangara, abantu yafungiye ubusa ngo ni abanzi b'u Burundi, n'intumbi ibihumbi n'ibihumbi by'abahutu bazize UPRONA kandi ariyo imwamamaza ?? Nsengiyaremye se yagombaga kwemerwa n'ibisambo byo muri MRND na PSD yamaganye ngo akaba ariho atsinze. Politiki yo hejuru y'ubwirasi iratwumvishije.*

# Agatsiko k'abakuru b'amashyaka ya Opozisiyo kariye intoryi zo kwa Kinani.

Mu gihe abantu bose bari bategereje ishyirwaho ry'umukono ku masezerano y'amahoro Arusha kuya 19/6/1993, abanyarwanda benshi baratunguwe, dore ko bari bamaze kugaragaza ibyishimo byatweretse rwose ko batayifuza aribo bake. Bijya gutangira kuya 8/6/1993 amashyaka PSD, PL, PDC na MRND yandikiye Perezida wa Repubulika ngo natumire Inama ya Guverinoma bige ikibazo cya Minisitiri w'Intebe. Ku isi hose ntaho turumva abaminisitiri bishyiriraho Minisitiri w'Intebe kuko tuzi ko niba ishyaka ritsinze cyangwa ku masezerano y'inzibacyuho turimo nkuku, iyo ishyaka rigabanye uwo mwanya ari nko gutsinda. Abantu rero batangiye kubibonamo amayeri, ndetse bati «Concertation nouvelle formule» yarabonetse, amashyaka MRND, MDR, PL, PSD na PDC ahisemo kujya muri opozisiyo atangiye kurwanya MDR hakiri kare.

Bamwe ntitwigeze dushira amakenga ariya mayeri kuko nkuko twakunze kubigaragaza mu UMURANGI, twari tubitegereje kandi tuzi neza ko Twagiramungu Faustin Perezida wa MDR abyihishe inyuma. Muri icyo gihe MDR yasabwe kumenyesha abashyikirana Arusha izina rya kandida Minisitiri w'Intebe, ishyaka ryandikiye Umukuru wa Guverinoma, maze nawe ubwo yakoze akazi ke ko kurimenyesha abashyikirana. Nkuko bigaragara ariko, bamwe mu baminisitiri bari babonye ko ibaruwa yoherejwe Arusha yashyizweho umukono na Twagiramungu wasabye amashyaka yabo kumushyigikira ngo ahirike Nsengiyaremye barasesemwe, maze bageze mu Nama ya Guverinoma ikibazo baracyihorera, Minisitiri w'Intebe wa MDR bigaragara ko atari we wari kujya gusaba ko ngo ibye babyigaho bucya ajya mu butumwa bw'akazi mu mahanga, maze Twagiramungu aboneraho arahaguruka arahagarara.




MATAYO NGIRUMPATSE ATI : «NONEHO NTA MAYERI YA MRND ARIMO, UBWO DUTANGIYE KUMVIKANA MWARI MUKWIYE KUDUTERA INKUNGA.

Mugenzi wacu Kameya wo muri RWANDA RUSHYA aherutse kwandika ati : «Amashyaka ya opozisiyo ayoborwa n'ibisambo». UMURANGI wo waravuze uranga uba UMURANGI nyine ntaho ubundi uba warasaraye byarimba ugakakara.

Mbega abantu twiroshye inyuma ngo bazadukuriraho ingoma y'igitugu ???? Ubona ngo kuya 16/6/93 mu gitondo agatsiko k'abakuru b'amashyaka kagizwe na biriya bisambo nyine Kameya avuga n'aba MRND gakore inama itegura ikiganiro n'abanyamakuru ngo bababwire ibyemezo bafashe birimo kudindiza bimwe mu byo Arusha bamaze kwemeza, nyamara wakurikira ugasanga bahagurukijwe no guhirika Nsengiyaremye nta kindi ??? Aho bafatirwa ni uko uwo munsi inama bakoze mu gitondo nyine ikimara kurangira aribwo Ikinani cyasabye Ruhigira guhamagaza Ngulinzira igitaraganya kivuga rumwe na bariya batekamutwe ngo naze yisobanure imbere y'Inama y'Abaminisitiri n'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere.

Ngango wa PSD yabivuze nkuko byanditse mu ibaruwa ya Ruhigira neza neza (No 632/01.10). Ariko se turatangazwa n'iki ? Hari igihe batatubwiye ko Ngango, Mugenzi na Twagiramungu ari abakozi b'Ikinani tukabima amatwi ?!? Twagiramungu yategekanye ubuswa burenze kamere S.T.I.R. maze kubera kwirirwa ahakirizwa yambika amapine imodoka z'abanyakazu izindi azandikira tours zitakoze n'ibindi aratona aratoneshwa, ariko bijya bidusetsa iyo abamotsi be batumena amatwi ngo ntiyigeze yumvikana na Habyarimana. Kuri uwo wa gatatu tariki ya 16/6/93 mu kiganiro ako gatsiko k'abakuru b'amashyaka bafatanije na NGIRUMPATSE Matayo na KABAGEMA bagiriye abanyamakuru muri Hoteli MERIDIEN nibwo abantu bumiwe, NGIRUMPATSE abaziringa mu mutego wo kuvuga rumwe muri byose na MRND, abishongoraho karahava, kuko agomba kuba azi icyo yaba-

haye, aho kugira ngo babyumve amaze kubacyurira ati hari amagambo muzagarukaho nkaho yagize ati : icyo imbwa yanze ushyira aho ireba, uwitwa GAFARANGA wa PSD ngo atavaho arakaza shebuja ati : «hari ibintu MRND yajyaga ivuga ntituyumve none ubu...» gaho nimumbwire namwe !! Baratubeshye ngo ngaha bahagurukijwe no kubuza Guverinoma kuba yajya gukorera i Byumba igihe ingabo zo kurinda Kigali zaba zitaraza. Icyo koko ni ikibazo ??

Amanama yabereye ku Kagera angana iki ?? Ngo ibya Arusha ntibinuye n'amategeko, ngo nitwoye kwishinga abazungu n'abandi banyamahanga, ngo gusinya amahoro siko kurangiza intambara, maze kubw'ibondo ry'intoryi zo kwa Kinani Ngango ati MDR igomba gufata

umukandida wayo akanyuzwa imbere yacu twese tukamureba boshye igihe cya ba bakobwa batandatu Ikinani cyashakaga gusogongeraho bakabamwima ! Ibyo byose byavugwaga Twagiramungu yumva, yirya icyara. Mugenzi yatutse Nsengiyaremye biteye isoni. Ngo Nsengiyaremye yisinyiye urukaratansi arujyana Arusha. Yari azi neza ko amubeshyera kuko icyo yita urukaratasi ni ibaruwa yasinywe n'umutekamutwe nkawe bari bicaranye babajijje bati ibyo murimo amashyaka yanyu arabizi ati amashyaka agomba kugira abayategeka.

Twamenye ko ayo marorerwa yose yateguriwe mu tunama twagiye tubera muri Méridien, twabaga turimo Twagiramungu Faustin, Ngango Felisiyani, Mugenzi, Ngirumpatse na Rwombo. Musanze batarabahaye akayabo k'amafaranga muzatugaye. Dore ibyo bita kugabura intoryi ahubwo. Ubona ngo Twagiramungu arihanukira ngo Dogiteri Nsengiyaremye yaragiye ntawamenya niba azagaruka !! Twagiramungu wahunze ari wowe wuzuye imyenda ya rubanda n'iy'abavandimwe; wuzuye ubuhemu n'ikimwaro cy'amaraso ya musanzire wawe Gapyisi; wabeshye rubanda; ukabeshya Impirimbanyi none ukaba uzisebereje ishyaka; wahunze wowe ukojeje isoni ugasiga ibara bagenzi bawe muyoborana ishyaka ugamije kubatesha agaciro; wahunze wowe wabeshye urubyiruko, umuryango wa Kayibanda wagushyingiye ukubonamo umugabo none ukaba uwuhaye amenyo ya rubanda. Wahunze wowe ugaragaje ko ushobora kugambana, ukagambanira ishyaka Impirimbanyi zagushinze, ukagambanira inshuti n'abavandimwe byose ubitewe n'inda nini yo gushaka kurya akaribwa n'akataribwa kandi wikuza mu mafuti. Wahunze wowe ugiye kubura ijambo mu bagabo, umusaza, umukecuru n'umwana bose bakaba babonye ibyo abandi twari twaraguketse mbere, wahunze koko ko utagira isoni. Ubona ngo banakubwire ngo wegure ku buyobozi bw'ishyaka ridateze kongera kukugirira icyizere wange ??? Wahunze wowe uzajugunywa hanze nk'akabwana k'imbwa !!! Ngo Nsengiyaremye ntiwamenya niba azagaruka? Kereka niba waramutegeshereje mu mahanga ! Tubitege amaso ubwo utangiye kumucira urwo gupfa wabona akurikiye Gapyisi. Twagiramungu wahunze ari wowe wisumbukuruje ukisumbisha abazima n'abaptuye ngo urakora politiki yo hejuru none ukaba ubaye nka ya

mpyisi baha induru ikazumvamo impundu !!! Ubona ngo wihanukire ngo imishyikirano ihagaze kubisobanurira abavanywe mu byabo n'intambara nta kigoye kirimo!!!

INGARUKA Z'IBI BYOSE.

Iyo abazungu n'umuhuza badahaguruka ngo bahagarare bariya batekamutwe bari bashubije inyuma imishyikirano, kuko bari bemeye kuvuga rumwe n'Ikinani kitigeze cyemera n'umutima ucyeye iriya mishyikirano.

Abakuru b'amashyaka baragaragaye byo ni byiza, ndetse hari umuntu mukuru watubwiye twibutse ijambo umupasitoro yavugiye ku Kigeme mu ishyingurwa rya nyakwigendera Gapyisi agira ati amaraso ye ashobora gukiza uru Rwanda, ati amaraso y'igihangange atangiye kutuvanira umucafu mu mashyaka. Twakwizera ko rubanda itazongera kwizera bariya batekamutwe.

Mu mashyaka yabo barasebye, baramaganwa, bigeze muri MDR ho Twagiramungu bamwereka ko nta kigenda, kuko bukeye bw'ariya marorerwa Biro Politiki yarateranye iramuvuguruza kandi imumenyesha ko nakomeza kwitwara kibandi bazamuhagarika by'agateganyo bagatumira Kongere ikamukanira urumukwiye. Ubwo Biro ya MDR yariho itumizwa Ruhigira yari yasaze ati Impirimbanyi ndazizi Faustin ntazikira, umugambi wacu zirawica. Ngo bimubuze kwitera amajeki se ngo jyewe Twagiramungu Fawusitini, Jyewe Twagiramungu Fawusitini !!! Zirema kwinshi koko. Impirimbanyi twari twarazibwiye. Icyakora muri MDR ubwo babonye ko Perezida wabo

ashobora kugurwa no kugurisha ishyaka uko ashaka, bari bakwiye kumva uwo ari we. Iyo FPR ishaka ikintu aragishyigikira. None bigaragaye ko na MRND ayishyigikiye. Impirimbanyi nizisobanukirwe n'intambara y'Ubuparmehutu yahimbye ngo asenye ishyaka kandi bamenye noneho uwo Gasana Anastazi, umujyanama we mukuru akorera uwo ariwe.

Twe turabona icyaruta ari uko Twagiramungu yahagarara, Impirimbanyi zikirwariza kuko arazivuna cyane. Ntawabura gushima FPR yanze kwivanga mu bya bariya batekamutwe ndetse ikanabamagana kuri radiyo yayo. Biragaragaye ko FPR nayo yanga abatekamutwe nka Twagiramungu, Mugenzi, Ngango na Gafaranga. Twagira icyizere ko izaza igakora politiki isukuye ikoresheje abantu bazima nkabo turiho turambagiriza amashyaka yacu. FPR yanze kwiteranya na MDR no kwivanga mu byayo, bityo bikaba bigaragara ko ikeneye kubana nayo kuko biboneka ko ariyo mashyaka azaba akomeye mu Rwanda mu minsi iri imbere. FPR na MDR babanye kidemukarasi rero u Rwanda nta kuntu rutagira

amahoro. Erega n'ubundi niyo yonyine azaba afite icyo avugana ku byerekeye politiki y'u Rwanda n'amateka y'igihugu. Abandi bari mu biki ??

Indi ngaruka y'ariya mahano agatsiko k'abakuru b'amashyaka bakoze ni uko ishyaka MDR aho gusuzugurwa rishobora kunangira ntirige muri Guverinoma. Icyakurikira namwe muracyumva. Hari abibwira ko Impirimbanyi ari ugupfa kuzikora mu jisho. Ese banze kuyijyamo mwabagira mute, ko ari naho ishyaka ryakora neza rikitegura gutsinda amatora ?!?

O.NT.B.

## TWAGIRAMUNGU MU MAZI ABIRA

Nyuma y'amahano amaze iminsi akora yagaragayemo ubugambanyi buteye isoni kw'ishyaka MDR no ku gihugu muri rusange kuko byagaragaye ko ari mu gatsiko kafashije Jenerali kunaniza imishyikirano ya Arusha no gutesha MDR agaciro bayangira kandida Minisitiri w'Intebe, Biro politiki ya MDR yarateranye kuwa kane tariki ya 24/6/93. Imaze kwemeza ko kandida w'Ishyaka MDR ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe wa Guverinoma yaguye ari Nsengiyaremye nta kundi byagenda, yize ikibazo cya Perezida Twagiramungu. Ibyaha byose bamushinjaga birimo no kugambanira ishyaka yarabyemeye kuko bimuhama abisabira imbabazi.

Bari bamuteganirije igihano cyo guhagarikwa mu nzego zose z'ishyaka igihe cy'ukwezi nuko Biro politiki ica inkoni izamba itegereza andi makosa azakora, nubwo akomeje kwica itegeko rya 57 rya Stati rivuga ko ibyemezo byose bigomba gufatwa binyuze mu matora. Abyangira ko yatsindwa kuko uroye abasigaye bashyigikiye amafuti ye ni nka bane gusa barimo Uwilingiyimana Agatha usa n'utazi ikimuhatse.

O.NT.B.

kuba Minisitiri w'Intebe ntibizabatungure. Yamaze kuvuga atyo baramugarukana bati tubwire aho Kambanda ari, aze nawe abitwibwirire. Nta kindi yari gukora atari gushwarwa. Buriya Twagiramungu agomba kuba amaze kumurundamo nk'itoni y'ibinyoma, ubujura, ubwambuzi, ubwirasi n'ibindi tutarondora. Uriya Mudamu twamubwiye ko nta kintu dupfa nawe usibye kwihoma inyuma ya Twagiramungu watannye. Umwuka mubi ukwizwa muri MDR Butare aho uturuka haraboneka. Uriya mugore kandi ngo yaba yirata cyane ku buryo adatinya gukabgata imbere y'Impirimbanyi ngo utamupfukamiye ngo arasuzugura da !!! Uriya mudamu yari akwiye gusobanukirwa n'ibi bikurikira : MDR ntiyavuye mu kirere, ntigendera mu cyuka, ni MDR yavuye kuri MDR PARMEHUTU, ni urumuri rwavuye ku rundi, umucyo w'ukuri wavuye ku mucyo w'ukuri. Niba ashaka gukoresha ikinyoma akitwaza na Minisiteri yahawe n'ishyaka ngo ngaha arata nga amashuri ho ruswa ibyo bimucukiyeho. Hari umusore wamubwiye ati : Ba Nyakubahwa kuki abantu benshi babatinya maze si ukwisumbukuruza amera nka babandi batumvise ibyo Murego yabwiye Twagiramungu kuya 18/6/93 nyuma ya Biro Politiki yamweretse ko Impirimbanyi zitazamwemerera kuziroha, ngo : Abantu benshi baratinya koko, ngo hari ahantu duherutse kujya mu nama n'Ikinani maze nkibaza ijambo cyubika amaso, Ba Rutumvincyuro bajya badusetsa.

UMURANGI.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1313 - Kigali
RWANDA

